# ITANGAZO KU NGENDO Z'ABANYESHURI BIGA BACUMBIKIRWA MU GIHE CYO GUSUBIRA KU ISHURI (IGIHEMBWE CYA I 2024/2025)

Nshingiye ku itangazo ry'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibizamini n'Ubugenzuzi bw'Amashuri (NESA), rimenyesha ko umwaka w'amashuri wa 2024-2025 uzatangira tariki ya 09 Nzeri 2024; NESA ikaba iboneyeho umwanya wo kumenyesha abayobozi b'amashuri, abarezi ndetse n'ababyeyi ko abanyeshuri biga bacumbikirwa bazatangira gusubira ku mashuri gutangira amasomo y'igihembwe cya mbere guhera **ku wa 06/09/2024 kugeza ku wa 09/09/2024**. Gahunda y'ingendo kuri abo banyeshuri ikaba iteye ku buryo bukurikira:

**Ku wa Gatanu, tariki ya 06/09/2024, hazagenda abanyeshuri biga mu bigo by'amashuri biherereye mu turere dukurikira:**

- Nyamagabe na Nyanza **mu Ntara y'Amajyepfo**
- Nyamasheke na Rusizi **mu Ntara y'Iburengerazuba**
- Musanze **mu Ntara y'Amajyaruguru**
- Rwamagana na Kayonza **mu Ntara y'Iburasirazuba**

**Ku wa gatandatu, tariki ya 07/09/2024, hazagenda abanyeshuri biga mu bigo by'amashuri biherereye mu turere dukurikira:**

- Nyaruguru, Gisagara **mu Ntara y'Amajyepfo**
- Burera, **mu Ntara y'Amajyaruguru**
- Rubavu, Nyabihu **mu Ntara y'Iburengerazuba**
- Gatsibo na Nyagatare **mu Ntara y'Iburasirazuba**

**Ku Cyumweru, tariki ya 08/09/2024, hazagenda abanyeshuri biga mu bigo by'amashuri biherereye mu turere dukurikira:**

- Ruhango na Huye **mu Ntara y'Amajyepfo**
- Rulindo na Gakenke **mu Ntara y'Amajyaruguru**
- Karongi, na Rutsiro **mu Ntara y'Iburengerazuba**
- Ngoma na Kirehe **mu Ntara y'Iburasirazuba**

**Ku wa mbere, tariki ya 09/09/2024, hazagenda abanyeshuri biga mu bigo by'amashuri biherereye mu turere dukurikira:**

- Nyarugenge, Gasabo, Kicukiro **mu Mujyi wa Kigali**
- Muhanga, Kamonyi **mu Ntara y'Amajyepfo**
- Gicumbi **mu Ntara y'Amajyaruguru**
- Ngororero **mu Ntara y'Iburengerazuba**
- Bugesera **mu Ntara y'Iburasirazuba**

NATIONAL EXAMINATION AND SCHOOL INSPECTION AUTHORITY (NESA)

National Examination and School Inspection Authority
P.O. BOX 1382 Kigali, Rwanda
Toll Free No.: 9070
info@nesa.gov.rw
www.nesa.gov.rw

NESA NATIONAL EXAMINATION AND SCHOOL INSPECTION AUTHORITY

**ICYITONDERWA:**

- Inzego z'ibanze zirasabwa gukurikirana igikorwa cyo gusubiza abanyeshuri ku mashuri zikangurira ababyeyi mu midugudu yabo kohereza abanyeshuri hagendewe ku matariki yatangajwe;

- Ababyeyi barasabwa kubahiriza ingengabihe y'ingendo uko iteganyijwe, bohereza abana hakiri kare (mu gitondo) kugira ngo bagere ku mashuri yabo butarira kandi bambaye umwambaro w'ishuri (impuzankano), barasabwa kandi guha abana babo amafaranga y'urugendo azabagarura mu rugo mu gihe bazaba basoje igihebwe cya mbere baje mu biruhuko ndetse n'amakarita y'urugendo akoreshwa mu mabisi atwara abagenzi ku banyeshuri banyura mu mujyi wa Kigali.

- Abayobozi b'ibigo by'amashuri, barasabwa kwitegura neza kwakira abanyeshuri bakoresha amasuku, banategura ibiribwa bizakenerwa.

- Mu rwego rwo korohereza abanyeshuri mu ngendo, abanyeshuri bahagurukira i Kigali n'abandi banyura i Kigali berekeza mu zindi Ntara, bazafatira imodoka kuri stade ya Kigali yitiriwe Pele i Nyamirambo zibajyana ku mashuri yabo.

- **Nyuma ya saa cyenda (15h00) z'amanywa stade izaba ifunze**, nta munyeshuri wemerewe kuza ku munsi utari uwo ikigo yigaho kizagenderaho.

Bikorewe i Kigali, ku wa 23/08/2024

**Dr. Bernard BAHATI**
Umuyobozi Mukuru